# 20121030-008 Niyonsaba, Vincent

Commune: Masango
Secteur: Rwesero
Name: Niyonsaba Vincent
…………………………………………………………………………………………………….

**Genocide**

Hari ku itariki 16/04/94 niho ayo marorerwa yatangiye. Ubwo, uwari peresida w'igihugu yamaraga gutanga. Ubwo ayo marorerwa yatangiye nari mfite imyaka 12 y'amavuko. Nigaga mu mwaka wa gatatu w'amshuri abanza.

Nari mfite bashiki banjye 2 na bakuru banjye batatu 3. Nari ngifite papa na mama ariko nari mfite mukuru wanjye umwe warongoye.

Muri abo bose ubwo ayo mahano yatangiraga habushije kurokoka njye na mushiki wanjye umwe ariko nza kugira ingorane nawe ku itariki 26/06/97 nawe arapfa.

Ku itariki 17/04/94 niho ayo marorerwa yakomeye batangira kwica abantu ndetse no gutwika amazu batibagiwe no kurya inka z'abandi.

Ubwo twahungaga buri wese yagendaga ahungira ukwe ku undi atazi niyo yerekeza bitewe no guta umutare.

Ubwo rero byaratangiye twese turatatara [nsigarana] na mama twenyine. Maze tugenda , tugeza ahobita ku Butare. Tubonana na bashiki banjye babiri na papa. Maze turagendana.

………………………………………………………………………………………..

Nuko turagenda tugeza mu nzira duhura n'ibitero tunyura mu ntoki ubwo papa duhita tumubura. Nuko ubwo buba buje turara ku mugabo witwa Joseph muri sellile yitwa Nyabivumu. Bukeye mu gitondo baraduherekeza turagenda tujya ahantu mu Gisibiri muri bene wabo na mama. Tugezeyo dusanga hihishe abantu benshi nuko duheruka turagaruka turara ki mugabo witwa Nyabigwi. Tuhamara iminsi itatu (3). Ku munsi wa kane (4) umuhungu we wabaga i Kigali aba araje. Baratwirukana.

Nuko turaza tujya ahantu gasa tuba ni umugabo atwereka inzu tubona baduha ibyo turyamira n'icyo kurya. Nuko arita hira ogejeje nijoro yohereja ibitero ngo bize kutwica. Basanga twagiye kure na mu ishyamba kuri Bienvenu i Gitwe. Bukeye dufata inzira ngo twerekeze za Gitarama mu mugi na Kabgayi. Nuko tugeze munzira baradutangira ngo dusubire iyo tuvuye. Bafata abagabo twari turikumwe barabica n'abasore.

Nuko turagaruka tugirango tusubira mu karere k'iwacu. Tugeze imbere hafi yo ku Buhanda bafata data wacu n'umuhungu we twari kumwe babariza imodoka babajyana muri Nyabarongo ku iteme rigirana ku Kibuye.

………………………………………………………………………………………………..

Nuko turiruka twe turabacika tunyura ahantu mu ntoki turagera. Tugeze ahantu haruguru y'urusengero rwa Abapentekote tujya haruguru rarwo ku mugore wari uhatuye. Maze adushira munzu ye tumaramo iminsi ibiri ku munsi wagatatu aratubwira ngo ibintu byakomeye ngo barahiye mu mazu nabi ngo nutuzajye kutwereka aho twihisha. Atujyana ahantu haruguru y'amasaka ye munsi y'urutare rwari ku mukingo. Nuko igihe habaye isaa tatu ibitero biza kuhahiga biratuvumbura biratuzamura bitunyuza ahantu hari irimbi. Turagenda duhinguka haruguru y'urusengero rwa Abadivantiste batwicazaho.  [Haza] umusore wakoranaga nabo asanga aratuuzi. Adusabira imbabazi nuko baraturekura turigendera.

Nuko njyewe, umugabo witwa Situratoni aransigarana ngo njye murungirira inka. Abandi barigendera. Bageze ku mafunu ari munsi ya ro rimbi barabatangira. Bitamo mushiki wanjye umwe na mwana. undi arabacika.

Aho narindi maze ducyura inka ndiruka nsubira ku mugabo witwa Nyabigwi ngirango ndebe ko ariho. Basubiye ngezeyo umuhunguwe ashaka ku nyica. Se aranyirukana ngo batantica. Nsubira iyo mvuye mpagera saa kenda. Mpita nahunga.

……………………………………………………………………………………………….

Aho hantu nahamaze ukwezi maze ibitero bitangira kujya biza kunshaka ngo binyice nkihisha. Bukeye uwo mugabo aranzundura ngo nigendere ngo batazanyicira aho.

Ubwo mperuka ndagenda mereka za ahahoze ari iwacu. Ibyo bita byaba manuka umuhanda, wese agana i Rwankuba. Nzamuka Bihembe yose nyura ku mugabo witwa Hazekiya. Aho, mushiki wanjye yari yihishe mpageze na nje gusuhuza. Mvuga ko nabo bangirira nabi. Nuko ubwo kuko nari ngeze aho banzi natangiye kunyura muntoki kugirango abantu batambona.

Njya ku mugabo witwa Joseph ndahirinda bugeze nijoro aranyoherereza ngo njye kureba umuntu wampisha.

Ubwo aho nageraga hose barampakaniraga nuko mpita nisubirira kwa Joseph. Bukeye njya kwa masenge ajya kunyereka aho nihisha. Bukeye nza guhura na mushiki wanjye wasigaye. Turagumya aduhishanya aho agiye kwihisha hose tukajyana.

Ubwo turakomeje kwihisha mu ntoki rw'umugabo witwa Kayiranga no murubingo rw'umugabo witwa Marakiya wari umusaza.

……………………………………………………………………………………………..

Uwo mugabo Kayiranga yari afite mubyara wanjye. Twarekomeje twihisha uko kose kugeza ubwo intambara irangira ubwo abasirikari ba FPR Inkotanyi badukuraga uko twari twihishe murubingo kwa Marakiya.

Uretse ko twaje kugira ibyago mushiki wanjye twari twamusigaranye yajye kwitaba Imana ku itariki 26/6/1997 azize indwara.

None ubu nkubu nsyigaye njye nyine ntangira mushiki wanjye cyanga mu murumuna wanjye cyange se mukuru wanjye.

Ubundi murugo rwacu twari abantu barindwa na mukuru wanjye wundi wari yarashutse umufasha.

Muri abo bantu bose uwitwa Ndahimana Adan baramwishe bamwitishije amabuye bamuta mu ruzi.

Uwitwa Uwera Yuriya bamwishe nawe baramuteye mu mudoka y'umuntu witwa Amani, bageze kuri Nyabarongo bamuta mu Ruzi bamaze kumutema kumwe n'umubyeyi wanjye.

Uwitwa Kalisa Daniel nawe wari warawaye ukuguru waramutemye bamuta muri mwobo ku iteme riguru ku Masizi.

…………………………………………………………………………………………

Uwitwa Karangwa Esiee n'umugore we bamwiciye ahantu witwa i Mucubira muri Komini Murama ariko we ntubwu tuzi urupfu rwe neza.

Umubyeyi wacu wundi witwaga Kimonyo David we ntubwo urupfu rwe naho bamwiciye.

Ubwo twari dufite umuryango munini mfite abantu barengere muri mirongo irindwi na batanu (75) ariko abasigaye ntabwo barenze 25.

Kandi muri abapfuye ababashije guhamwa ntubwobageze ku 10 kubera ko bamwe bagiye babatema bakabatera mu ruzi abandi bakagenda bahunga ntamenye iyo baguye.

Mbese ntitumenye aho bagiye babicira nabagiye babica.

Ubundi nitwa

Niyonsaba Vincent

Komine; Masango

Secteur: Rwesero

………………………………………………………………………………………..

Nkaba niga muri Ecole des Sciences Infimières de Kininda (E.S.I) ku Kibuye – Bwakira

Nkubu ndangije umwaka wa kabiri ($2^e$ A) T.C.

Mon Pere, Papa: Kimonyo David

Ma Mere: Mukarubuga Nésie